INSHAMAKE

Gushyira mu bikorwa inshingano zo kugira inama ibigo bya Leta n'ibyigenga kugirango bibashe kunoza imikorere yabyo, gukumira no kurwanya akarengane,ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo mu buyobozi bwite bwa Leta ndetse n'ubwigenga, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zimwe za Leta arizo:

- Gahunda yo kubakira abatishoboye;
- Gahunda ya Girinka Munyarwanda.

Iyi nshamake ya raporo iragaragaza bimwe mu byagaragaye mw'igenzura ry'izi gahunda, na bimwe mu byo Urwego rw'Umuvunyi rutanga nk'ibyakorwa nyuma y'ibyagaragaye mw'igenzura rwakoze.Iyi nshamake ya raporo kandi irerekana ibyuho bya ruswa n'akarengane mw'ishyirwa mu bikorwa ry'izi gahunda ndetse n'uruhare rw'abayobozi ku nzego zitandikanye.

Ibyagaragaye ni ibi bikurikira:

Bimwe mu byari bigamijwe hajyaho izi gahunda zombi kwarukugira ngo imiryango y'abanyarwanda ikennye kurusha indi ibashe kwizamura. Ni muri urwo rwego iyi miryango yagombaga kubakirwa amazu ikanahabwa inka kugirango ibone amata, ifumbire ndetse n'amafaranga.

Ariko kubera ishyirwa mu bikorya rya gahunda yo kubakira abatishoboye na gahunda ya girinka munyarwanda itarakozwe neza usanga intego zari ziteganijwe kugerwaho zitaragezweho nk'uko byari biteganijwe mu gihe cyo gutegura izi gahunda.

Ibi bikaba bigaragaza ibyuho bya ruswa n'akarengane kuko hari hamwe na hamwe usanga amazu yarubatswe nabi, ibikoresho byaranyerejwe, ahandi bikiri mu bubiko bw'ubuyobozi bw'uturere, imirenge ndetse n'utugari. Naho ibijyanye na gahunda ya girinka munyarwanda hari aho usanga zarahawe abishoboye, abasanzwe ari aborozi ntangarugero, abarimu b'indashyikirwa cyangwa bamwe mu bari mu nzego z'ubuyobozi bw'imirenge, utugari n'imidugudu. Kugirango izi gahunda zigende neza hari ibyifuzo byagaragajwe muri iyi raporo.

I. IRIBURIRO

Urwego rw'Umuvunyi rufite mu nshingano guteza imbere politiki y' imiyoborere myiza, gukumira no kurwanya akarengane ,ruswa ndetse n'ibindi byaha bifitanye isano nayo.

Dushingiye ku ngingo ya 3,5° na 10° y'Itegeko n° 17/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rishyiraho imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, Urwego rw'Umuvunyi rushinzwe kugira inama Leta n'ibigo byaba ibyayo ndetse n'ibiyishamikiyeho ku buryo bwo kunoza imikorere y'ibyo bigo kugira ngo hatazamo icyuho cya ruswa ndetse n'ibindi byaha bifitanye isano nayo.
Urwego rw'Umuvunyi rufite kandi mu nshingano guteza imbere ubuyobozi bwiza mu nzego zose, rwerekana ko imikorere n'imikoranire y'inzego itandukanye,bitewe n'uko inyuranyije n'amategeko,n'inshingano za buri rwego cyangwa n'imigambi rusange ya Leta, bifite ingaruka mbi ku baturage.

Politike rusange yo kugabanya ubukene yateguwe ku rwego rw'igihugu igomba gushyirwa mu bikorwa n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi hakurikijwe amahame azwi kandi asobanutse kugira ngo iyi gahunda ibashe kugirira akamaro abagenerwabikorwa.

Iyi politiki yo kugabanya ubukene igomba gushyirwa mu bikorwa n'ubuyobozi ku nzego zitandukanye kugirango ibashe kugera ku bagenerwabikorwa hagendewe ku mahame runaka. Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mahame n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi usanga ritanoze bitewe na ruswa cyangwa se amarangamutima bityo abagenerwabikorwa bakabona ko ari imiyoborere mibi.

Amabwiriza atandukanye agenda ashyirwaho n'inzego zitandukanye , bitewe n'inyungu za bamwe mu bayashyiraho ashobora kuba icyuho cya ruswa n'akarengane mu gihe cyose hatabayeho gukurikirana uko ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Guverinoma zigenda .

Ni muri urwo rwego Urwego rw'Umuvunyi rwashatse kumenya uburyo gahunda za Leta zubahirizwa. Zimwe muri izo gahunda ni izi zikurikira:

- Gahunda yo kubakira abatishoboye;
- Gahunda ya Girinka Munyarwanda.

Gahunda yo kubakira abatishoboye yashyizweho na Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda hagamijwe ko buri munyarwanda wese abona aho gutura. Naho gahunda ya Girinka Munyarwanda yashyizweho hagamijwe kuzamura imiryango y'abanyarwanda bakennye kurusha abandi bityo mu guhabwa inka iyo miryango ikabasha kwivana mu bukene.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura mu turere dutandukanye hagamijwe kureba niba ibikoresho byo kubakira abatishoboye byaratanzwe nk'uko bikwiye ndetse no kureba niba inka zari zigenewe imiryango y'abanyarwanda bakennye zaratanzwe neza bitaba ibyo hakagaragazwa uruhare rwa buri rwego rw'ubuyobozi mu ishyirwa mu bikorwa ry'izi gahunda.

II. IMPAMVU NYAMUKURU YA GAHUNDA

II.1.GAHUNDA YO KUBAKIRA ABATISHOBOYE

Ingingo ngenderwaho :

Umugenerwabikorwa mu kubakirwa inzu yagombaga kuba ari umunyarwanda wese utishoboye, udafite ubushobozi bwo kwiyubakira inzu yo kubamo. Izi nzu zagombaga kubahiriza gahunda ya Leta yo gutura mu midugudu bityo ibikorwa by'amajyambere bikabasha kugera kuri bose ku buryo bworoshye.

Ibyiciro by'abagenerwabikorwa :

- Umuntu wacitse ku icumu rya jenoside y'abatutsi ya 1994, utishoboye, udafite aho kuba ;
- Umukene udafite aho kuba ;

- Imfubyi n'abapfakazi badafite aho kuba ;
- Abasizwe inyuma n'amateka mabi yaranze u Rwanda mbere ya 1994 ;
- Abavanywe mu byabo n'ibiza cyane cyane mu Ntara y'Iburengerazuba (Akarere ka Nyabihu).

Uruhare rw'abayobozi :

- Kuyobora inama zo kujonjora abagombaga kubakirwa amazu ;
- Gukora urutonde no kurwohereza ku karere kugirango kohereze ibikoresho byo kubaka (amabati, sima n'ibindi);
- Gutegura ahazubakwa amazu y'abatishoboye;
- Gutegura imiganda n'ubufatanye bw'abaturage mu kubaka amazu y'abatishoboye.

Minisiteri y'Ubutegetsi by'Igihugu (MINALOC) yaguze amabati, imisumari na sima byo kubaka amazu y'abatishoboye inageza ibyo bikoresho ku biro by'intara, nazo zigomba kubitanga mu turere tugiye tugize buri ntara.

Icyitonderwa:

Ikinyuranyo hagati y'imibare y'ibyatanzwe n'ibyaburiwe irengero mubona mu mbonerahamwe zikurikira cyatewe n'uko abagenerwa bikorwa bakiraga ibikoresho byo kubaka cyangwa inka ariko badasobanukiwe n'inkomoko (abaterankunga batandukanye) yabyo bityo ugasanga hari aho bigaragara ko abaturage bavuga ko bakiriye bike cyangwa se byinshi ku byo ubuyobozi bw'akarere cyangwa umurenge bivuga ko byatanze.

Uko amabati na sima byo kubakira abatishoboye byagiye bitangwa mu turere n'uko byakoreshejwe biragaragazwa mu mbonerahamwe zikurikira :

II.1 .1.AMABATI

Imbonerahamwe **n°1:** INTARA Y' IBURENGERAZUBA

AKARERE	**Amabati akarere kakiriye**	**Amabati imirenge yakiriye**	**Amabati abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
RUSIZI	34.640	30.126	35.254	99
NGORORERO	27.200	24.235	22.579	23
NYABIHU	20.200	20.200	11.466	79
RUBAVU	26.300	30.569	25.093	-
NYAMASHEKE	38.520	38.172	31.550	163
KARONGI	42. 800	42,800	42,800	0
RUTSIRO	-	22.490	20.017	479
TOTAL	**189.660**	**398.252**	**188.579**	**843**

Imbonerahamwe **n°2:** INTARA Y' IBURASIRAZUBA

AKARERE	**Amabati akarere kakiriye**	**Amabati imirenge yakiriye**	**Amabati abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
GATSIBO	30.100	22.473	21.766	58
RWAMAGANA	31.900	24.574	25.428	1690
NYAGATARE	27.820	23.724	20.410	222
BUGESERA	33.530	4.334	1.770	-
KIREHE	-	8.536	11.861	-
NGOMA	8.112	3.024	2.073	-
KAYONZA	4.521	4.521	3.975	-
TOTAL	**135.983**	**146.411**	**146.411**	**1970**

Imbonerahamwe **n°3:** INTARA Y' AMAJYEPFO

AKARERE	**Amabati akarere kakiriye**	**Amabati imirenge yakiriye**	**Amabati abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
GISAGARA	33.900	33.162	28.768	29
KAMONYI	35.380	20.412	18.940	-
MUHANGA	29.814	29.814	28.799	608
NYARUGURU	24.052	21.497	25.260	270
NYANZA	20.877	19.611	17.932	252
RUHANGO	14.600	13.095	12.987	69
HUYE	14.960	12.770	12.104	15
NYAMAGABE	45.000	20.047	19.168	26
TOTAL	**203983**	**218,583**	**163.958**	**1.269**

Imbonerahamwe **n°4:** INTARA Y' AMAJYARUGURU

AKARERE	**Amabati akarere kakiriye**	**Amabati imirenge yakiriye**	**Amabati abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
MUSANZE	27.820	14.700	15.854	19
RULINDO	16.440	12.405	12.204	199
GICUMBI	18.220	9.185	8.811	-
GAKENKE	9.800	7.582	7.525	61
BURERA	5.483	2.061	-	-
TOTAL	**77.763**	**81.720**	**44.395**	**279**

Imbonerahamwe **n°5:** UMUJYI WA KIGALI

AKARERE	**Amabati akarere kakiriye**	**Amabati imirenge yakiriye**	**Amabati abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
NYARUGENGE	-	-	-	-
KICUKIRO	-	-	-	-
GASABO	1.000	Akarere niko kubakishije	Abaturage bagiye mu mazu yuzuye	-
TOTAL	**1.000**	**-**		

II.1.2. SIMA

Imbonerahamwe **n°6:** INTARA Y' IBURENGERAZUBA

AKARERE	**Sima akarere kakiriye**	**Sima imirenge yakiriye**	**Sima abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
RUSIZI	3.500	1.530	1.531	-
NGORORERO	2.899	1.358	868	32
NYABIHU	1.850	1.850	867	59
RUBAVU	2.250	1.975	1.560	-
NYAMASHEKE	4.500	4.500	4.416	0
KARONGI		3,100	3,100	0
RUTSIRO	-	4.063	4.004	59
TOTAL	**14.999**	**23,499**	**16.346**	**150**

Imbonerahamwe **n°7:** INTARA Y' IBURASIRAZUBA

AKARERE	**Sima akarere kakiriye**	**Sima imirenge yakiriye**	**Sima abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
GATSIBO	2,600	1364	1.147	145
RWAMAGANA	2.850	2.165	1.466	685
NYAGATARE	2.600	1.629	1.182	99
BUGESERA	5.150	577	314	-
KIREHE	-	346	346	-
NGOMA	-	-	-	-
KAYONZA	1.146	-	-	-
TOTAL	**14.346**	**6.081**	**3.455**	**929**

Imbonerahamwe **n°8:** INTARA Y' AMAJYEPFO

AKARERE	**Sima akarere kakiriye**	**Sima imirenge yakiriye**	**Sima abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
GISAGARA	1.700	1.674	1.289	27
KAMONYI	-	1.985	1.985	-
MUHANGA	4.650	4.704	-	-
NYARUGURU	2.800	2.205	1.784	397
NYANZA	2.600	2.399	2.009	-
RUHANGO	2.300	1.818	1.818	-
HUYE	3.000	1.350	1.369	125
NYAMAGABE	1.700	805	805	-
TOTAL	**18.750**	**33078**	**11059**	**549**

Imbonerahamwe **n°9:** INTARA Y' AMAJYARUGURU

AKARERE	**Sima akarere kakiriye**	**Sima imirenge yakiriye**	**Sima abaturage bakiriye**	**Ibyaburi we irengero**
MUSANZE	3.300	600	551	32
RULINDO	1.700	1.687	1.735	12
GICUMBI	2.100	1.110	997	50
GAKENKE	-	1.120	1.044	8
BURERA	800	350	350	-
TOTAL	**7 .900**	**5. 537**	**4.677**	**102**

Imbonerahamwe **n°10:** UMUJYI WA KIGALI

AKARERE	**Sima akarere kakiriye**	**Sima imirenge yakiriye**	**Sima abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
NYARUGENGE	2.400	2.400	2.315	-
KICUKIRO	4,200	4,200	4,200	0
GASABO	4.650	4.650	-	-
TOTAL	**11 .250**	**11.250**	**-**	**-**

Ibisobanuro :

- **:** bivuga aho nta makuru yatanzwe.

+ : umubare w'ikirenga ku mubare w'ibikoresho umurenge wakiriye bigaterwa n'uko akarere kakiraga ibikoresho biturutse ku baterankunga batandukanye akarere ntikabashe kubitandukaya n'ibyatanzwe na MINALOC.

II. 2.GAHUNDA YA GIRINKA

Gahunda ya Girinka yagiyeho hagamijwe gukura imiryango y'abanyarwanda bakennye kurusha abandi mu bukene bahabwa inka bityo ikabaha amata, ifumbire ndetse n'amafaranga. Abagenerwabikorwa b'iyi gahunda bagombaga gutoranywa mu nama z'imidugudu batuyemo hitabwa ku mukene kurusha abandi.

Ubuyobozi bw'ibanze bwari bufite inshingano zo kuyobora inama zo guhitamo abazahabwa inka; gukora urutonde rwabo no kurugeza ku buyobozi bw'akarere. Guhuza gahunda ya girinka ku rwego rw'igihugu byari bishinzwe Ikigo cy'Ubworozi RARDA na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI).

Guhabwa inka byagombaga gushingira ku rutonde rwakozwe mu nama rusange y'abaturage hatagendewe kuri ruswa; amarangamutima,amasano n'ubuyobozi cyangwa izindi nyungu z'umuntu ku giti cye.Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda mu turere tumwe yagenze neza ariko mu turere tundi ntiyagenze neza.
Uko inka zatanzwe mu turere twose n'uko zageze ku bagenerwabikorwa biragaragara mu mbonerahamwe zikurikira :

Imbonerahamwe **n°11:** INTARA Y'IBURENGERAZUBA

AKARERE	**Inka akarere kakiriye**	**Inka imirenge yakiriye**	**Inka abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
RWAMAGANA	-	299	239	60
GATSIBO	1.137	1.114	1.114	0
NYAGATARE	-	184	-	-
KIREHE	-	122	122	-
NGOMA	-	84	84	-
KAYONZA	-	139	-	-
BUGESERA	-	298	298	0
TOTAL	**-**	**1.941**	**1857**	**60**

Imbonerahamwe **n°12:** INTARA Y' AMAJYEPFO

AKARERE	**Inka akarere kakiriye**	**Inka imirenge yakiriye**	**Inka abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
NYANZA	1075	1.236	1.241	-
GISAGARA	-	1.221	-	-
MUHANGA	-	564	-	-
RUHANGO	-	241	-	-
NYARUGURU	-	1.217	1.078	64
HUYE	-	945	-	-
NYAMAGABE	-	459	-	16
KAMONYI	-	293	-	1
TOTAL	**-**	**6.176**	**2.319**	**81**

Imbonerahamwe **n°13:** INTARA Y' AMAJYARUGURU

AKARERE	**Inka akarere kakiriye**	**Inka imirenge yakiriye**	**Inka abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
GICUMBI	2545	295	-	9
MUSANZE	-	251	-	-
GAKENKE	-	502	502	-
BURERA	-	314	-	-
RULINDO	-	517	-	20
TOTAL	**2.545**	**1.879**	**502**	**29**

Imbonerahamwe **n°14:** INTARA Y' IBURENGERAZUBA

AKARERE	**Inka akarere kakiriye**	**Inka imirenge yakiriye**	**Inka abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
NGORORERO	-	702	-	-
RUBAVU	-	852	673	-
NYABIHU	-	375	-	-
RUTSIRO	-	578	-	4
NYAMASHEKE	-	111	-	-
RUSIZI	-	709	-	-
TOTAL	**-**	**3.327**	**673**	**4**

Imbonerahamwe **n°15:** UMUJYI WA KIGALI

AKARERE	**Inka akarere kakiriye**	**Inka imirenge yakiriye**	**Inka abaturage bakiriye**	**Ibyaburiwe irengero**
GASABO	-	290	290	-
KICUKIRO	-	269	269	-
NYARUGENGE	-	-	-	-
TOTAL	**-**	**559**	**559**	**-**

III. ISESENGURA

III.1. Gahunda yo kubakira abatishoboye

Gahunda yo kubakira abatishoboye yagiyeho hagamijwe ko buri munyarwanda wese agira aho kuba. Uburyo iyi gahunda yashyizwe mu bikorwa usanga bugaragaza ko hari aho ibikoresho byatanzwe na MINALOC bikiri mu bubiko bw'uturere, imirenge, utugari ndetse hari n'abaturage bahawe ibikoresho ntibabyubakisha byose.

Ahandi usanga ibikoresho byari biteganijwe kujya ku mazu ataribyo byayagiyeho.Ibi bivuze ko nk'inzu yagombaga kujyaho umubare w'amabati cyangwa sima runaka usanga yaragiyeho umubare w'ibikoresho bike ku byari biteganijwe kujyaho, bityo ugasanga akamaro byari kumarira wa munyarwanda utari afite aho kuba ntako, kuko usanga n'ubundi ikibazo yari afite kitakemutse burundu.

Ingaruka z'ishyirwa mu bikorwa ribi ry'iyi gahunda zigenda zigaragara aho usanga inzu zimwe na zimwe zubatswe zitangiye gusenyuka, zimwe zisakaye ibice, izindi ntizigira inzugi cyangwa amadirishya n'ibindi byinshi.. Ibikoresho byari bigenewe kubakira abatishoboye ntibyakoreshejwe neza kuko icyarikigamijwe kugerwaho kitagezweho neza.

Iri shyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kubakira abatishoboye ryagombaga gukurikiranwa n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi. Inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'igihugu, inzego z'ubuyobozi bw'ibanze nk'akarere, umurenge ukamanuka no ku kagari ndetse n'umudugudu.

Imbogamizi mu igenzura:

- Kubura kw'imibare : Akarere ka Rubavu ibikoresho bya 2007 na 2009 nta mibare izwi hagati y'akarere , imirenge n' imibare y' abagenerwabikorwa batubakiwe ;
- Gucunga nabi ibikoresho, kudakorerwa igenzura (ubika ibikoresho niwe ubitanga);

- Kunyurana kw'imibare : imibare itangwa n'Akarere ka Gatsibo ntihura n'itangwa n'imirenge; kimwe na Rulindo. Igitangaje mu Murenge wa Rwabicuma mu Karere ka Nyanza: Umurenge uvuga ko wakiriye amabati 1411 akarere ko kakavuga ko kawuhaye 1091.
- Inzu zidafite sima hasi, zidakinze, zitanahomye,…….
- Bamwe mu bagenerwabikorwa bagurishije amabati, iki kibazo cyashyikirijwe Polisi: Umurenge wa Cyato mu Karere ka Nyamasheke, no mu bunzi: Umurenge wa Kabarore ho mu Karere ka Gatsibo.

- Abagenerwabikorwa bavuga ko bahawe amabati kandi ntayo bahawe : Akagari ka Nyamiryango, Umurenge wa Gatore uwitwa Sengabo Appolinaire yavuze ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akagari yamuhaye amabati kandi ntayo yahawe ; Akagari ka Murama Umurenge wa Ngera mu Karere ka Nyaruguru uwitwa Mukarugambwa Laetitia bavuga ko yahawe amabati 61 kandi inzu ye iriho amabati 35 ; kimwe no mu Murenge wa Mukamira , Akarere ka Nyabihu ; muri Mushubati , Akarere ka Rutsiro ubuyobozi buvuga ko bwahaye abaturage 6 ibikoresho kandi ntabyo babonye.

- Kubakira abishoboye kandi hari abatishoboye : Umurenge wa Nyagatare mu Karere ka Nyagatare.

III. 2.Gahunda ya Girinka

Gahunda ya Girinka yagiyeho hagamije kuzamura imiryango y'abanyarwanda bakennye kurusha abandi. Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda usanga ritaragenze neza nk'uko umuyobozi w'igihugu yabyifuzaga kuko hari aho wasanganga inka zarahawe abasanzwe n'ubundi bishoboye,ahandi zigahabwa abasanzwe boroye cyangwa se abayobozi cyane cyane ku rwego rw'utugari aribo babanje kuzihabwa.

Ibyagaragaye:

- Inka zahawe abishoboye bafite imyanya mu buyobozi bw'ibanze (imidugudu, utugari) ndetse n'abacuruzi cyangwa abasanzwe batunze izindi nka.
- Inka zahawe abahinziborozi ntangarugero aho batuye ndetse n'abarimu b'indashyikirwa.

- Abahawe inka bakazigurisha. Iki kibazo kikaba cyarashyikirijwe Polisi n'inzego z'ubuyobozi ubu izo nka zaragarujwe. Urugero: Abantu 5 bo mu Murenge wa Rambura mu Karere ka Nyabihu, mu Murenge wa Cyato ho mu Karere ka Nyamasheke.

- Itandukaniro hagati y'imibare y'inka itangwa n'uturere n'itangwa na RARDA. Urugero: Akarere ka Rulindo kavuga ko kahawe inka 2330, RARDA ikavuga ko yagahaye inka 3242. Ikinyuranyo cy'inka 912 kidafitiwe ibisobanuro.
- Kwitirirwa inka kandi ari iy'umuyobozi. Urugero: mu Murenge wa Kabarondo, Akarere ka Kayonza umunyamabanga nshingabikorwa w'akagari atunze inka ariko izaba yanditse kw'izina ry'umuturage.

- Abayobozi ku rwego rw'akarere no ku mirenge ntibafite imibare nyayo y'inka zitangwa n'abaterankunga batandukanye nka SEND A COW, HIP, PADEBEL, RARDA, ASRG, CNF, DCDP, PDRCIU, Imbuto Foundation.

IV. URUHARE RWA BURI WESE

IV. 1. Ku rwego rw'Igihugu

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu nyuma yo kugura ibikoresho byo kubakira abatishoboye no kubigeza ku buyobozi b'intara yagombaga gukurikirana niba koko icyo ibikoresho byari bigenewe aricyo byakoreshejwe.

Ku bijyanye na gahunda ya Girinka Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ndetse n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gukurikirana iby'ubworozi(RARDA) byagombaga gukurikiranira hafi ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

Nyuma yo gushyira ahagaragara ibyavuye mu igenzura igishimishije n'uko Minisiteri ishinzwe ubuhinzi n'ubworozi yatangiye gukosora amakosa yari yakozwe mu gikorwa cyo gutanga inka ubu zikaba zaratangiye kugaruzwa zigahabwa koko abari bakwiye kuzihabwa.

IV.2. Ku rwego rw'ubuyobozi bw'ibanze

Ku rwego rw'akarere usanga iyi gahunda yarahariwe Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza. Aha bigararaza ko rutita ku nshingano z'umunyamabanga nshingwabikorwa w'akarere kuko ariwe ushinzwe imicungire y'umutungo w'akarere wose. Aha hakwibazwa impamvu yatumye abanyamabanga nshingwabikorwa b'uturere bataritaye ku gukurikirana ishyirwa mu bikorwa n'imikoreshereze y'ibikoresho Leta yari yageneye kubakira abatishoboye.

Urundi ruhari rugaragara ku rwego rw'umurenge aho usanga umunyamabanga shingwabikorwa w'umurenge atarakurikiranye ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kubakira abatishoboye. Aha ugasanga naho harimo kutubahiriza inshingano ze.

Uruhare rw'ubuyobozi bw'ibanze mu ishirwa mu bikorwa rya gahunda ya girinka usanga harabayemo kwikunda aho usanga inka zagenewe imiryango ikennye zaratwawe n'abayobozi ku rwego rw'utugari n'imidugudu. Aho umuyobozi atarayihaye ku giti cye usanga yarayihaye mwenewabo, inshuti ye cyangwa undi bafite inyungu runaka basangiye.

Aha byagaragaye aho usanga inka nyinshi zitunzwe n'abakuru b'imidugudu, abahuzabikorwa b'utugari ndetse n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari ndetse n'abacuruzi batuye aho.

IV.3. Ku rwego rw'abagenerwabikorwa

Abagenerwa bikorwa aribo abatishoboye nabo hari aho byagaragaye ko nabo bagize uruhare mu inyerezwa ry'ibikoresho byari bigenewe kubaka amazu y'abatishoboye. Aha twavuga nk'abaturage bamwe bahawe amabati na sima bakubakisha bike kubyo bahawe ibindi bakabigurisha.

V. ICYAKORWA

Kugirango gahunda za Leta zishyirwe mu bikorwa kandi zitange umusaruro nyawo hakenewe ubufatanye mu nzego zose z'ubuyobozi ndetse n'ubufatanye bw'abagenerwabikorwa.

Ubuyobozi bukwiye kujya butegura abagenerwabikorwa hakiri kare kugira ngo gahunda bagenewe nizibagereho zizasange baziteguye (aha twavuga nk'abahawe inka kandi batarabateguje ngo bategure uburyo bwo kuzitunga bityo zimwe zigapfa).

Buri muyobozi wese ku rwego ariho rwose akwiye kujya yubahiriza inshingano ahabwa kuko iyo izo nshingano zitubahirijwe aribwo guhunda ziba zarateguwe ku rwego rw'igihugu zigera mu buyobozi bw'ibanze ntizishyirwe neza mu bikorwa.

VI. IBYIFUZO

- Abayobozi banyereje cyangwa bakoresheje nabi ibyari bigenewe abatishoboye n'abakene bagomba guhabwa ibihano byo mu rwego rw'amategeko cyangwa mu rwego rw'akazi;
- Gutanga ibikoresho byo kurangiza amazu ataruzura kugeza ubu;
- Abahawe inka batazikwiye bakwiye kuzakwa zigahabwa abakene bari bazikwiye;
- Kwigisha no gutegura bihagije abagenerwabikorwa mbere y'uko ibikorwa bibageraho (kubakirwa amazu no guhabwa inka za kijyambere);

- Minisiteri zitandukanye zirebwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta zigomba gukora igenzura rihoraho ry'uburyo gahunda zateguwe zishyirwa mu bikorwa.

VII. UMWANZURO

Politiki ya Leta yo kurwanya ubukene ntiyagerwaho hatabayeho ubufatanye mu nzego zose. Amategeko n'amabwiriza ashyirwaho n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi ashobora getera icyuho cya ruswa n'akarengane iyo atizwe neza cyangwa bitewe n'imyumvire itari imwe y'abayobozi cyangwa se inyungu zitandukanye z'umuyobozi ku giti cye. Kurwanya ubukene ni urugamba rwa buri munyarwanda yaba uri mu nzego z'ubuyobozi cyangwa se utarimo.

Urwego rw'Umuvunyi rwashyizweho hagamije kurwanya akarengane na ruswa aho kaba gaturuka hose. Ni muri urwo rwego rufite nanone mu nshingano zarwo kugira inama inzego z'ubuyobozi kugirango imikorere y'ubwo buyobozi ibashe kunogera abayoborwa. Ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda yo kubakira abatishoboye na Gahunda ya girinka ryagenze nabi kuberako inzego zimwe z'ubuyobozi zitubahirije inshingano zazo.

Kubwibyo umuyobozi wese wagaragayeho kunyereza ibikoresho byo kubakira abatishoboye cyangwa gutanga inka ku bantu bishoboye kandi zari zigenewe abakene akwiye gukurikiranwa agahanirwa amakosa yakoze hakurikijwe amategeko**.**